# 98: Abazaba bakijijwe bazateranira hamwe Ku meza mw ijuru hamwe

1. Abazaba bakijijwe bazateranira hamwe Ku meza mw ijuru hamwe na Yesu Mu bwami buda shira,bazareb' uburanga bwe. Ba meny' uko yabakune.Bazahora baririmbira mw'ijur' iteka.

2. Bazava mu nyanja zose, Bazava mu byago byose, Bave mu misozi, bave mu mataba Bager' i mbere y 'Imana. Bazambar' imyenda yera, bareb' Umukiza umbo. Ni we wabapfiriye Kera ku musaraba.

3. Bazateran' ari benshi abakirijw' ino mw isi. Ibyago n'urupfu, cyang' umwijima Ntibizabah' ukundi. Nta bya kera bizabaho Hazaba harihw ibishya. Hazabah' umunezer' uta gir' amakemwa.

4. Niwitegerez' urugi, ni wowe ruki nguriwe, Na Yesu Mukiz' arakubwir' ati: Ngwino nawe winjire bagenzi bacu bariyo Baradutegereje pe! Ba maraika bishimiye kuzatubona.

Visit us at indirimbo.com